



Umwaka wa 59
n° 03 yo ku wa 20
Mutarama 2020

Year 59
n° 03 of 20 January 2020

59^{ème} Année
n° 03 du 20 Janvier 2020

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

A. Iteka rya Minisitiri/ Ministerial Order/ Arrêté Ministériel

N° 01/MOJ/AG/20 ryo ku wa 15/01/2020

Iteka rya Minisitiri riha umukozi w' Akarere ububasha bwa noteri.....2

N° 01/MOJ/AG/20 of 15/01/2020

Ministerial Order granting notarial power to a District officer..... 2

N° 01/MOJ/AG/20 du 15/01/2020

Arrêté Ministériel conférant les pouvoirs de notaire à un fonctionnaire de District.....2

B. BNR : Amabwiriza Rusange/ Regulation / Règlement

N° 30 /2019 yo ku wa 16/12/2019

Amabwiriza rusange yerekeye itangazwa rya raporo z'imari n'andi makuru agaragazwa n'abishingizi.....5

N° 30 /2019 of 16/12/2019

Regulation on publication of financial statements and other disclosures by insurers5

N° 30 /2019 du 16/12/2019

Règlement sur la publication des états financiers et autres divulgations d'informations par les assureurs.....5

ITEKA RYA MINISITIRI N°
01/MOJ/AG/20 RYO KU WA 15/01/2020
RIHA UMUKOZI W'AKARERE
UBUBASHA BWA NOTERI

MINISTERIAL ORDER N° 01/MOJ/AG/20
OF 15/01/2020 GRANTING NOTARIAL
POWER TO A DISTRICT OFFICER

ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N°
01/MOJ/AG/20 DU 15/01/2020
CONFÉRANT LES POUVOIRS DE
NOTAIRE À UN FONCTIONNAIRE DE
DISTRICT

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIÈRES

Ingingo ya mbere: Umukozi uhawe
ububasha bwa noteri

Article One: Officer to whom notarial power
is granted

Article premier: Fonctionnaire auquel les
pouvoirs de notaire sont conférés

Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'ingingo
zinyuranyije n'iri teka

Article 2: Repealing provision

Article 2: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 3: Igihe iri teka ritangirira
gukurikizwa

Article 3: Commencement

Article 3: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N° 01/MOJ/AG/20 RYO KU WA 15/01/2020 RIHA UMUKOZI W'AKARERE UBUBASHA BWA NOTERI	MINISTERIAL ORDER N° 01/MOJ/AG/20 OF 15/01/2020 GRANTING NOTARIAL POWER TO A DISTRICT OFFICER	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 01/MOJ/AG/20 DU 15/01/2020 CONFÉRANT LES POUVOIRS DE NOTAIRE À UN FONCTIONNAIRE DE DISTRICT
---	--	--

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta;	The Minister of Justice/Attorney General;	Le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux;
--	--	--

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;	Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;
--	--	--

Ashingiye ku Itegeko n° 13bis/2014 ryo ku wa 21/05/2014 rigenga umurimo w'ubunoteri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3;	Pursuant to Law n° 13bis/2014 of 21/05/2014 governing the office of notary, especially in Article 3;	Vu la Loi n° 13bis/2014 du 21/05/2014 régissant la fonction de notaire, spécialement en son article 3;
--	--	--

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 28/11/2019 imaze kubisuzuma no kubyemeza;	After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 28/11/2019;	Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 28/11/2019;
---	--	--

ATEGETSE:

ORDERS:

ARRÊTE:

Ingingo ya mbere: Umukozi uhawe ububasha bwa noteri

Article One: Officer to whom notarial power is granted

Article premier: Fonctionnaire auquel les pouvoirs de notaire sont conférés

One Stop Centre Lawyer w'Akarere ahawe ububasha bwa noteri mu by'ubutaka.

One Stop Centre Lawyer of the District is granted notarial power in land related matters.

*Il est conféré les pouvoirs de notaire en matière foncière au *One Stop Centre Lawyer* du District.*

Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 3: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 15/01/2020

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 2: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

Article 3: Commencement

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 15/01/2020

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minister of Justice/Attorney General

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minister of Justice/Attorney General

Article 2: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 3: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 15/01/2020

(sé)

BUSINGYE Johnston

Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston

Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

AMABWIRIZA RUSANGE N° 30 /2019 YO KU WA 16/12/2019 YEREKEYE ITANGAZWA RYA RAPORO Z'IMARI N'ANDI MAKURU AGARAGAZWA N'ABISHINGIZI	REGULATION N° 30 /2019 OF 16/12/2019 ON PUBLICATION OF FINANCIAL STATEMENTS AND OTHER DISCLOSURES BY INSURERS	RÈGLEMENT N°30 /2019 DU 16/12/2019 SUR LA PUBLICATION DES ETATS FINANCIERS ET AUTRES DIVULGATIONS D'INFORMATIONS PAR LES ASSUREURS
<u>ISHAKIRO</u>	<u>TABLE OF CONTENTS</u>	<u>TABLE DES MATIÈRES</u>
<u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u>	<u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u>
<u>Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije</u>	<u>Article One: Purpose</u>	<u>Article premier: Objet</u>
<u>Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo</u>	<u>Article 2: Definitions of terms</u>	<u>Article 2: Définitions des termes</u>
<u>Ingingo ya 3: Abarebwa n'aya mabwiriza</u>	<u>Article 3: Scope</u>	<u>Article 3: Champ d'application</u>
<u>Ingingo ya 4: Iyipimo ngenderwaho by'amakuru</u>	<u>Article 4: Standards of information</u>	<u>Article 4: Normes de l'information</u>
<u>Ingingo ya 5: Ibiranga amakuru agomba gutangazwa</u>	<u>Article 5: Criteria for information to be disclosed</u>	<u>Article 5: Critères des informations à déclarer</u>
<u>Ingingo ya 6: Ibigize amakuru ashirwa atangazwa</u>	<u>Article 6: Composition of information to be published</u>	<u>Article 6: Composition des informations à publier</u>
<u>Ingingo ya 7: Inshingano z'Inama y'Ubutegesi</u>	<u>Article 7: Responsibilities of the board of directors</u>	<u>Article 7: Responsabilités du Conseil d'administration</u>
<u>Ingingo ya 8: Inshingano z'ubuyobozi bukuru</u>	<u>Article 8: Responsibilities of the senior management</u>	<u>Article 8: Responsabilités de la direction</u>
<u>Ingingo ya 9: Ingorane zaturuka ku itangazwa</u>	<u>Article 9: Risks inherent to publication</u>	<u>Article 9: Risques inhérents à la publication</u>

<u>UMUTWE WA II: GUTANGAZA AMAKURU</u>	<u>CHAPTER II: PUBLICATION OF INFORMATION</u>	<u>CHAPITRE II: PUBLICATION DES INFORMATIONS</u>
<u>Ingingo ya 10: Amakuru atangazwa</u>	<u>Article 10: Information to be published</u>	<u>Article 10: États financiers à publier</u>
<u>Ingingo ya 11: Ibikubiye muri raporo z'imari</u>	<u>Article 11: Contents of the financial statements</u>	<u>Article 11: Contenu des états financiers</u>
<u>Ingingo ya 12: Ibikubiye muri raporo irambuye</u>	<u>Article 12: Contents of the integrated report</u>	<u>Article 12: Contenu du rapport intégré</u>
<u>Ingingo ya 13: Itangwa ry'amakuru agomba gutangazwa</u>	<u>Article 13: Submission of information to be published</u>	<u>Article 13: Soumission des informations à publier</u>
<u>Ingingo ya 14: Ingengabihe y'itangazwa ry'amakuru</u>	<u>Article 14: Periodicity of publication of information</u>	<u>Article 14: Périodicité de publication des informations</u>
<u>Ingingo ya 15: Uburyo bwo gutangazwa</u>	<u>Article 15: Means of publication</u>	<u>Article 15: Moyens de publication</u>
<u>Ingingo ya 16: Ikimenyetso kigaragaza itangazwa</u>	<u>Article 16: Evidence of publication</u>	<u>Article 16: Preuve de publication</u>
<u>Ingingo ya 17: Ingaruka zo kutubahiriza ingingo ya 5</u>	<u>Article 17: Effect of breach of article 5</u>	<u>Article 17: Effets de la violation de l'article 5</u>
<u>Ingingo ya 18: Gukomeza kumenyekanisha amakuru n'igihe bimara</u>	<u>Article 18: Duration and continuous accessibility of information</u>	<u>Article 18: Durée et accessibilité continue de l'information</u>
<u>UMUTWE WA III: AMAKURU ASOBANURA N'AMAKURU MU MIBARE</u>	<u>CHAPTER III: QUALITATIVE AND QUANTITATIVE INFORMATION</u>	<u>CHAPITRE III: INFORMATIONS QUALITATIVES ET QUANTITATIVES</u>
<u>Icyiciro cya mbere: Amakuru asobanura</u>	<u>Section One: Qualitative information</u>	<u>Section première: Informations qualitatives</u>
<u>Ingingo ya 19: Imiterere y'ikigo</u>	<u>Article 19: Institutional profile</u>	<u>Article 19: Profil de l'institution</u>

<u>Ingingo ya 20:</u> Imiyoborere y'ikigo	<u>Article 20:</u> Corporate governance	<u>Article 20:</u> Gouvernance d'entreprise
<u>Ingingo ya 21:</u> Imari shingiro ihagije	<u>Article 21:</u> Capital adequacy	<u>Article 21:</u> Adéquation du capital
<u>Ingingo ya 22:</u> Amafaranga y'ingoboka	<u>Article 22:</u> Technical provisions	<u>Article 22:</u> Les provisions techniques
<u>Ingingo ya 23:</u> Ibyateza ingorane byerekeye ubwishingizi n'uburyo bwo kuzicunga	<u>Article 23:</u> Insurance risk exposures and their management	<u>Article 23:</u> Engagement aux risques d'assurance et leur gestion
<u>Ingingo ya 24:</u> Imicungire y'icyateza ingorane mu kigo	<u>Article 24:</u> Enterprise risk management	<u>Article 24:</u> Gestion des risques de l'entreprise
<u>Ingingo ya 25:</u> Amakuru agaragazwa yerekeye ishoramari	<u>Article 25:</u> Investment disclosures	<u>Article 25:</u> Informations à fournir sur les investissements
<u>Ingingo ya 26:</u> Ingengabihe yo kugaragaza amakuru asobanura	<u>Article 26:</u> Qualitative disclosures timeframe	<u>Article 26:</u> Calendrier de publication des informations qualitatives
<u>Icyiciro cya 2:</u> Gutangaza amakuru mu mibare	<u>Section 2:</u> Disclosure of quantitative information	<u>Section 2:</u> Publication des informations quantitatives
<u>Ingingo ya 27:</u> Amakuru mu mibare	<u>Article 27:</u> Quantitative information	<u>Article 27:</u> Informations quantitatives
<u>Ingingo ya 28:</u> Ingengabihe yo gutangaza amakuru mu mibare	<u>Article 28:</u> Quantitative disclosures timeframe	<u>Article 28:</u> Calendrier de divulgation des informations quantitatives
<u>UMUTWE WA IV:</u> INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA	<u>CHAPTER IV:</u> MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE IV:</u> DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES
<u>Ingingo ya 29:</u> Inama y'impane ebyiri ihuza ibigo n'abagenzuzi bigenga	<u>Article 29:</u> Bilateral meeting with external auditors	<u>Article 29:</u> Réunion bilatérale avec les auditeurs externes
<u>Ingingo ya 30:</u> Igihe cy'inzibacyuho mu gutangaza raporo y'umwaka yaguye	<u>Article 30:</u> Transitional period for the publication of the annual integrated report	<u>Article 30:</u> Période transitoire pour la publication du rapport annuel d'ensemble

Ingingo ya 31: Ibyemezo bikosora

Article 31 Corrective measures

Article 31: Mesures correctives

**Ingingo ya 32: Igihe aya mabwiriza
rusange atangira gukurikizwa**

Article 32: Commencement

Article 32: Entrée en vigueur

AMABWIRIZA RUSANGE N° 30/2019 YO KU WA 16/12/2019 YEREKEYE ITANGAZWA RYA RAPORO Z'IMARI N'ANDI MAKURU AGARAGAZWA N'ABISHINGIZI

Ishingiye ku Itegeko N° 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 5, iya 6, iya 8, iya 9, iya 10 n'iya 15;

Ishingiye ku Itegeko N° 52/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigenga imitunganyirize y'umurimo w'ubwishingizi cyane cyane mu ngingo ya 26,

Ishingiye ku Mabwiriza rusange N° 14/2017 yo ku wa 23/11/2017 yerekeye ibukurikizwa mu kwemerera abagenzuzi bigenga b'ibigo by'imari n'ibindi basabwa, mu ngingo zayo iya 9, iya 10, iya 11, iya 12 n'iya 14;

Isubiye ku mabwiriza N°05/2009 yo ku wa 29/07/2009 yerekeye iyemererwa n'ibindi bisabwa mu murimo w'ubwishingizi, cyane cyane mu ngingo yayo ya 25;

Mu rwego rwo kugaragariza rubanda ibibakorerwa hagamijwe guteza imbere urwego rw'ubwishingizi rukora nta buriganya kandi ku murongo;

Banki Nkuru y'u Rwanda, yitwa « Urwego Ngenzuramikorere » mu ngingo zikurikira,

REGULATION N° 30/2019 OF 16/12/2019 ON PUBLICATION OF FINANCIAL STATEMENTS AND OTHER DISCLOSURES BY INSURERS

Pursuant to Law N° 48/2017 of 23/09/2017 governing the National Bank of Rwanda, especially in Articles 5, 6, 8, 9,10 and 15;

Pursuant to the Law N° 52/2008 of 10/09/2008 governing the Organization of Insurance Business, especially article 26;

Pursuant to Regulation N° 14/2017 of 23/11/2017 on accreditation requirements and other conditions for external auditors for financial institutions, especially in its Articles 9, 10, 11, 12 and 14;

Having reviewed Regulation N°05/2009 of 29/07/2009 on licensing requirements and other requirements for carrying out insurance business, especially in article 25;

In the context of being accountable to the public for the growth of fair and orderly insurance sector;

The National Bank of Rwanda, hereinafter referred to as “the Regulator”, decrees:

REGLEMENT N° 30 /2019 DU 16/12/2019 SUR LA PUBLICATION DES ETATS FINANCIERS ET AUTRES DIVULGATIONS D'INFORMATIONS PAR LES ASSUREURS

Vu la Loi N° 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda, spécialement en ses articles 5, 6, 8, 9,10 et 15;

Vu la Loi N° 52/2008 du 10/09/2008 portant l'organisation de l'activité d'assurance spécialement en son article 26 ;

Vu le Règlement N° 14/2017 of 23/11/2017 sur les exigences d'agrément et autres conditions pour les auditeurs externes des institutions financières spécialement en ses articles 9, 10, 11, 12 et 14;

Revu le règlement N°05/2009 du 29/07/2009 relatif aux conditions d'agrément et autres conditions requises pour l'exercice de l'activité d'assurance, spécialement en son article 25 ;

Dans le cadre de rendre compte au public pour la croissance d'un secteur de l'assurance juste et ordonné;

La Banque Nationale du Rwanda, ci-après dénommée « le Régulateur », édicte:

ishyizeho amabwiriza rusange akurikira:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza
agamije**

Aya Mabwiriza Rusange agamije gushyiraho ibisabwa abishingizi bijyanye no gushyira ahagaragara amakuru ya ngombwa, yuzuye kandi ahagije ku gihe no mu buryo buhoraho mu rwego rwo guha abafatabwishingizi n'abashaka gufata ubwishingizi n'abandi bagira uruhare ku isoko ry'ubwishingizi ishusho nyayo y'umurimo w'ubwishingizi bakora hagamijwe:

- 1° kugenzura ko buri mwishingizi akomeje gukorera mu mucyo uhagije utuma abashaka gufata ubwishingizi kimwe n'abandi bagira uruhare kw'isoko bafata ibyemezo bishingiye ku makuru ahagije;
- 2° gutuma rubanda rurushaho kugirira icyizere urwego rw'ubwishingizi no gutuma kigumaho;
- 3° gutuma isoko rikorera ku murongo; no
- 4° guteza imbere ihiganwa hagati y'abakora umurimo w'ubwishingizi.

**CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS**

Article One: Purpose

The purpose of this Regulation is to establish the requirements for publication of relevant, comprehensive and adequate financial statements and other disclosures on a timely and regular basis by insurers in order to give policyholders and potential policyholders and other insurance market participants a clear view of their business activities in order to:

- 1° ensure that every insurer maintains a level of adequate transparency enabling potential policyholders and other market participants to make informed decisions;
- 2° promote and maintain public confidence in the insurance sector;
- 3° enhance market discipline; and
- 4° promote competition among market players.

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GÉNÉRALES**

Article premier: Objet

Le présent Règlement a pour objet d'établir les exigences relatives à la publication des états financiers et autres informations appropriés, complets et adéquat par les assureurs de manière opportune et régulière afin de donner aux assurés, assurés potentiels et autres acteurs du marché d'assurance une vision claire de leurs activités commerciales dans le but de:

- 1° s'assurer que chaque assureur maintient un niveau de transparence suffisant permettant aux assurés potentiels et autres participants du marché de prendre des décisions éclairées ;
- 2° promouvoir et maintenir la confiance du public dans le secteur des assurances;
- 3° renforcer la discipline du marché ; et
- 4° promouvoir la concurrence entre les acteurs du marché.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Ku bw'aya Mabwiriza Rusange, amagambo akurikira asobanura:

- 1° **umwishingizi:** ikigo gifite ubuzima gatozi cyahawe uruhushya cyangwa cyemerewe gukora umurimo w'ubwishingizi ;
- 2° **umurimo w'ubwishingizi :** ibikorwa byo kwirengera ibyago byishingirwa cyangwa kwishingira ubwishyu hashingiwe ku masezerano y'ubwishingizi n'ay'ubwishingizi bw'abishingizi hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko rigenga imitunganyirize y'umurimo w'ubwishingi cyangwa andi mategeko akurikizwa mu Rwanda;
- 3° **Amafaranga y'ingoboka ku bwishingizi butararangira:** konti y'ubwizigame umwishingizi afungura mu bushishozi bwe iyo abona ko umubare w'amafaranga y'ingoboka ateganyirijwe ubwishingizi butararangira adahagije mu kwishingira umubare witezwe w'ibyateza ingorane;
- 4° **amafaranga y'ingoboka agenewe ikiguzi cy'ubwishingizi kitaregukanwa:** amafaranga y'ikiguzi cy'ubwishingizi ahuye

Article 2: Definitions of terms

For the purpose of this Regulation, the following terms mean:

- 1° **insurer:** a licensed or authorized legal entity which carries out insurance business;
- 2° **insurance business:** activity of assuming risks or undertaking liability related to insurance arrangements and reinsurance in accordance with the Law governing organization of insurance business or other laws applicable in Rwanda;
- 3° **Unexpired Risks Reserve (URR):** a reserve account opened at the discretion of an insurer when it believes the amount of funds kept in the unearned premium reserve account is not sufficient to cover the amount of risk perceived;
- 4° **provision for Unearned Premiums:** the premium corresponding to the time period remaining on an insurance policy and it is proportionate to the

Article 2: Définitions des termes

Aux fins du présent Règlement, les termes suivants signifient:

- 1° **assureur :** personne morale agréée ou autorisée d'exercer l'activité d'assurance ;
- 2° **activité d'assurance:** activité de prise en charge au titre d'un arrangement d'assurance et de réassurance en vertu de la loi régissant l'activité d'assurance ou d'autres lois applicable au Rwanda;
- 3° **Réserve des risques non expirés :** compte de réserve ouvert à la discrétion de l'assureur lorsqu'il estime que le montant des fonds conservés sur le compte de réserve pour prime non acquise n'est pas suffisant pour couvrir le montant du risque perçu.
- 4° **provision pour primes non acquises:** la prime correspondant à la période restant à courir sur une police d'assurance et elle est proportionnelle

n'igihe gisigaye kugirango ubwishingizi burangire kandi ajyanye n'igice cy'ingorane zishingiwe zisigaye kugirango amasezerano asaze;

unexpired portion of the insurance;

à la partie non expirée de l'assurance;

5° amafaranga y'ingoboka azigamiwe ibyangiritse ariko bitaramenyeshwa umwishingizi : amafaranga umwishingizi agomba abishyura bese bemewe bagezweho n'ingorane ariko bataramenyekanisha ;

5° **reserve for Incurred But Not Reported claims (IBNR):** amount owed by an insurer to all valid claimants who have had a covered event but have not yet reported it;

5° **provision pour sinistres survenus, mais non déclarés :** Montant dû par un assureur à tous les demandeurs valables ayant encouru un sinistre couvert mais ne l'ayant pas encore déclaré ;

6° amafaranga y'ingoboka yerekeranye n'ubwishingizi bw'igihe kirekire: ikigereranyo cy'agaciro katanzwe n'umuhanga mu mibare y'ubwishingizi ku bijyanye n'ibyo umwishingizi yaryozwa byerekeye ibyo azishyura yemeye n'ibindi byose yaryozwa yemeye mu masezerano isosiyete y'ubwishingizi bw'igihe kirekire ishyira ku ruhande kugira ngo yuzuze ibyo yemeye mu masezerano.

6° **life assurance provisions:** actuarially estimated value of an insurer's liabilities for future benefits payments and other policy liabilities that a life insurance company allocates to fulfil its policy obligations.

6° **les provisions d'assurance vie :** la valeur actuarielle des engagements de l'assureur pour le paiement des prestations futures et d'autres engagements liés aux polices qu'une compagnie d'assurance-vie désigne pour s'acquitter de ses obligations d'assurances.

Ingingo ya 3: Abarebwa n'aya mabwiriza

Aya Mabwiriza Rusange areba abishingizi bese bakorera ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda.

Article 3: Scope

This Regulation applies to all insurers operating on the territory of the Republic of Rwanda.

Article 3: Champ d'application

Ce Règlement s'applique à tous les assureurs opérant sur le territoire de la République du Rwanda.

Ingingo ya 4: Iyipimo ngenderwaho by'amakuru

Inama y'ubutegetsi y'ikigo cy'ubwishingizi igomba kugenzura ko raporo y'imikoreshereze y'imari itegurwa hakurikijwe politiki n'imikorere mu ibaruramari bishyirwaho n'Urugaga Nyarwanda rw'Ababaruramari b'Umwuga (ICPAR) cyangwa Ikigo Gishyiraho Amahame Mpuzamahanga Ngenderwaho mu Ibaruramari (IASB).

Raporo y'ibaruramari ndetse n'igenzura ry'ibigo by'ubwishingizi bya Leta bikorwa hakurikijwe Itegeko ryerekeye imari n'umutungo bya Leta ndetse n'amategeko agenga ibyo bigo.

Ingingo ya 5: Ibiranga amakuru agomba gutangazwa

Amakuru yose atangazwa n'umwishingizi ajyanye n'aya mabwiriza rusange agomba :

- 1° kuba yuzuye, asobanutse kandi yumvikana;
- 2° kuba yizewe, nk'umusingi uherwaho mu ifatwa ry'ibyemezo;
- 3° gutangarizwa igihe kandi ahujwe n'igihe, igihe cy'ifatwa ry'ibyemezo;

Article 4: Standards of information

The board of directors of an insurer shall ensure that financial statements are prepared in accordance with accounting policies and practices that are established by the Institute of Certified Public Accountant of Rwanda (ICPAR) or International Accounting Standard Board (IASB).

The financial statement and audit of public insurers shall be done in accordance with the laws relating to audit and public accounting and the laws governing such institutions.

Article 5: Criteria for information to be disclosed

Every information to be disclosed by an insurer under this Regulation shall be:

- 1° comprehensive, meaningful and concise;
- 2° reliable, as a basis upon which decisions are made;
- 3° timely published and up-to-date at the time decisions have to be made;

Article 4: Normes de l'information

Le conseil d'administration d'un assureur veille à ce que les états financiers soient préparés conformément aux politiques et pratiques comptables établies par l'Ordre Rwandais des Experts Comptables (ICPAR) ou le Conseil International des Normes Comptables (IASB).

Les états financiers et l'audit des assureurs publics sont établis conformément aux lois sur l'audit et la comptabilité publique et aux lois régissant ces institutions.

Article 5: Critères des informations à déclarer

Toute information devant être publiée par l'assureur en vertu du présent Règlement doit être:

- 1° complète, significative et concise;
- 2° fiable, en tant que base même de prise des décisions;
- 3° publiée en temps opportun et actualisée, au moment où les décisions doivent être prises;

Official Gazette n° 03 of 20/01/2020

4° gutangwa mu buryo buhuye n'ubuteganywa muri politiki yo gutangaza amakuru;

5° kuba atangwa ku buryo bumwe kandi buhoraho kugira ngo hagaragazwe impinduka za ngombwa zagiye zibaho.

6° kuba atarimo amakosa, adafite inenge, kandi atayobya.

4° presented under the same format as described in the disclosure policy;

5° consistent over time so as to enable relevant trends to be discerned.

6° without error, not defective, not misleading.

4° présentée sous le même format que celui décrit dans la politique de déclaration d'informations;

5° cohérente au fil du temps afin de permettre de dégager les tendances appropriées.

6° sans erreur, non défectueuse et non trompeuse.

Ingingo ya 6: Ibigize amakuru agomba gutangazwa

Amakuru atangazwa agizwe n'ibi bikurikira:

1° imibare cyangwa ibisobanuro byayo cyangwa byombi;

2° amakuru y'igihe cyahise, ay'igihe cya none cyangwa ay'ahazaza, cyangwa yose akomatanyirijwe hamwe.

Article 6: Composition of information to be published

The information to be disclosed shall comprise of the following:

1° qualitative or quantitative elements, or any appropriate combination thereof ;

2° historical, current or prospective elements, or any appropriate combination thereof.

Article 6: Composition des informations à publier

Les informations à communiquer comprennent les éléments suivants :

1° les éléments qualitatifs ou quantitatifs, ou toute combinaison appropriée de ceux-ci et;

2° éléments historiques, actuels ou prospectifs, ou toute combinaison appropriée de ceux-ci.

Ingingo ya 7: Inshingano z'inama y'ubutegetsi

Inama y'Ubutegetsi y'umwishingizi ni yo ishinze kubahiriza no gukurikiza ibiteganyijwe muri aya Mabwiriza Rusange.

Haseguriwe ibiteganywa n'aya mabwiriza rusange inama y'ubutegetsi y'umwishingizi

Article 7: Responsibilities of the board of directors

The Board of Directors of an insurer shall be responsible for the adherence and compliance with the provisions of this Regulation.

Subject to the provisions of this Regulation, the board of directors of an insurer shall develop a

Article 7: Responsabilités du Conseil d'administration

Le Conseil d'administration d'un assureur est responsable du respect et de la conformité aux dispositions du présent Règlement.

Sous réserve des dispositions du présent règlement, le conseil d'administration d'un

Official Gazette n° 03 of 20/01/2020

igomba gutegura politiki y'itangazwa ry'amakuru igomba kuba, nibura, yita kuri ibi bikurikira:

- 1° ibigize amakuru, ibyifashishwa mu kuyatangaza, ururimi atangazwamo, ireme ryayo n'inshuro atangazwa;
- 2° uburyo bukurikizwa mu gutangaza amakuru y'ingenzi;
- 3° ingamba zigamije kugenzura cyangwa gusuzuma ukuri kw'amakuru yatangajwe ;
- 4° uburyo bukurikizwa mu gucunga ibishobora guteza ingorane byakomoka ku makuru yatangajwe; no
- 5° indi ngingo iyo ari yo yose inama y'ubutegetsi ibona ko ari ingirakamaro.

Inyandiko ya politiki y'itangazwa ry'amakuru igomba kuba ihuje n'aya mabwiriza rusange kandi igashyikirizwa Urwego Ngenzuramikorere mbere y'uko ikoreshwa ku mpamvu z'aya mabwiriza rusange.

Ingingo ya 8: Inshingano z'ubuyobozi bukuru

Ubuyobozi bukuru bw'umwishingizi bufite inshingano zo gutegura no gushyira mu

policy on publication of information that shall, at minimum, consider the following:

- 1° contents, medium, language, quality and frequency of the publication of information ;
- 2° the procedure for publication of material information;
- 3° mechanisms for verifying or reviewing the accuracy of the published information;
- 4° procedures for managing possible risk that may result from publication of information; and
- 5° any other element that the board may consider useful.

The document of policy on publication of information shall be consistent with this Regulation and shall be filled with the Regulator before it is used to serve the purpose of this Regulation.

Article 8: Responsibilities of the senior management

Senior management of an insurer shall be responsible for developing and implementing

assureur doit élaborer une politique de publication d'information qui, à tout le moins, tenir compte des éléments suivants:

- 1° le contenu, le support, la langue, la qualité et la périodicité de publication de l'information ;
- 2° la procédure de publication d'informations importantes;
- 3° les mécanismes permettant de vérifier ou d'examiner l'exactitude des informations publiées;
- 4° les procédures de gestion des risques pouvant résulter de la publication d'informations; et
- 5° tout autre élément que le Conseil d'administration pourrait juger utile.

Le document de la politique de publication d'information doit être conforme au présent règlement et doit être déposée auprès du Régulateur avant d'être utilisée aux fins du présent règlement.

Article 8: Responsabilités de la direction

La direction d'un assureur est chargée d'élaborer et de mettre en œuvre un système

bikorwa uburyo bw'isuzuma ry'imbere hagamijwe kugenzura ko amakuru y'ukuri, yuzuye kandi y'ingirakamaro atangazwa ku gihe.

Ingingo ya 9: Ingorane zaturuka ku itangazwa

Umwishingizi agomba kumenya ibyateza ingorane zikomeye zituruka ku makuru atangazwa, ubukana bwabyo, inshuro zigenda zigaruka ndetse n'uburyo zicugwa.

Bisabwe n'umwishingizi, Urwego ngenzuramikorere rushobora kwemerera umwishingizi kudatangaza amakuru kubera iyo ari yo yose kubera imwe mu mpamvu zikurikira :

- 1° iyo iryo tangaza ryatumye abahiganwa na we ku isoko babona inyungu z'ikirenga zidakwiriye;
- 2° iyo hari inshingano ku bafatabwishingizi cyangwa ku bandi bafitanye amasano zifatwa nk'itegeko ku mwishingizi ryo kugira ibanga;
- 3° itangazwa rishobora kubangamira umwishingizi cyangwa urwego rw'ubwishingizi muri rusange.

an internal review system to ensure timely publication of accurate, complete and relevant information.

Article 9: Risks inherent to publication

An insurer shall identify material risks, their severity and frequency inherent to the information to be disclosed and their management.

At the request of an insurer, the Regulator may permit to not publish certain information for any of the following reasons:

- 1° the publication would enable its competitors to gain significant undue advantage;
- 2° there are obligations to policyholders or other counterparty relationships binding an insurer to secrecy or confidentiality;
- 3° the publication can cause harm to the insurer or the insurance sector in general.

d'évaluation interne pour assurer la publication à temps d'informations précises, complètes et pertinentes.

Article 9: Risques inhérents à la publication

Un assureur doit identifier des risques importants, leur gravité et leur périodicité inhérents aux informations à publier, ainsi que leur gestion.

A la demande de l'assureur, la Régulateur peut autoriser au demandeur de ne pas publier certaines informations pour une des raisons suivantes

- 1° telle publication permettrait à ses concurrents d'obtenir un avantage indû significatif ;
- 2° il existe des obligations vis-à-vis des assurés ou d'autres relations de contrepartie obligeant un assureur au secret ou à la confidentialité ;
- 3° lorsque la publication peut nuire à l'assureur ou au secteur d'assurance en général.

UMUTWE WA II: GUTANGAZA AMAKURU

CHAPTER II: PUBLICATION OF INFORMATION

CHAPITRE II: PUBLICATION DES INFORMATIONS

Ingingo ya 10: Amakuru atangazwa

Article 10: Information to be published

Article 10: Etats financiers à publier

Umwishingizi agomba kugaragaza amakuru akurikira:

An insurer shall publish the following information:

Un assureur doit communiquer les informations suivantes:

- 1° raporo z'imari z'igihembwe zitagenzuwe;
- 2° raporo z'imari z'umwaka zagenzuwe; na
- 3° raporo irambuye .

- 1° quarterly unaudited financial statements;
- 2° annual audited financial statements; and
- 3° an integrated report .

- 1° les états financiers trimestriels non audités;
- 2° les états financiers annuels audités ; et
- 3° un rapport intégré.

Ingingo ya 11: Ibikubiye muri raporo z'imari

Article 11: Contents of the financial statements

Article 11: Contenu des états financiers

Raporo z'imari z'igihembwe zitagenzuwe na raporo z'imari z'umwaka zigenzuwe zitangazwa zigomba kuba zikubiyemo ibi bikurikira kandi mu buryo buteganijwe ku mugereka wa mbere w'aya mabwiriza:

The quarterly unaudited financial statements and the annual audited financial statements to be published shall be presented in the format prescribed in **Appendix 1** of this Regulation and comprised of the following:

Les états financiers trimestriels non audités et les états financiers annuels audités à publier doivent être présentés dans le format prescrit à **l'Annexe 1** du présent Règlement et comprendre ce qui suit :

- 1° raporo y'uko imari ihagaze ku mpera z'igihe kirebwa;
- 2° raporo y'ibyinjiye byose mu gihe kirebwa;
- 3° raporo igaragaza ihinduka ry'imari shingiro y'ibanze mu gihe kirebwa;
- 4° raporo igaragaza amafaranga yinjiye n'ayasohotse;

- 1° the statement of financial position at the end of the concerned period;
- 2° statement of comprehensive income for the concerned period;
- 3° statement of changes in equity for the period;
- 4° statement of cash-flows;

- 1° l'état de la situation financière à la clôture de la période concernée;
- 2° état du résultat global de la période concernée ;
- 3° état des variations des capitaux propres pour la période;
- 4° état des flux de trésorerie ;

Official Gazette n° 03 of 20/01/2020

5° inyandiko nsobanurampamvu y'impinduka mu mari y'umwishingizi; na

5° explanatory note for important changes in financial position of the insurer; and

5° note explicative des changements importants dans la situation financière de l'assureur ; et

6° andi makuru asabwa n'aya Mabwiriza Rusange.

6° other disclosures as required under this Regulation.

6° autres déclarations requises en vertu du présent Règlement.

Raporo z'imari z'igihembwe itagenzuwe kimwe n'ishusho y'umutungo y'umwaka yagenzuwe zishyirwaho umukono n'Umuyobozi Mukuru kandi zikemezwa na Perezida w'Inama y'Ubutegesi cyangwa Perezida wa Komite y'Inama y'Ubutegesi ishinzwe Ubugenzuzi.

The quarterly unaudited financial statements and the annual audited financial statements shall be dully signed by the Managing Director/Chief Executive Officer and be attested by the Chairperson of the Board of Directors or the Chairperson of the Board Audit Committee.

Les états financiers trimestriels non audités et les états financiers annuels audités sont dûment signés par le Directeur Général et attestés par le Président du Conseil d'Administration ou le Président du Comité d'Audit du Conseil d'Administration.

Ingingo ya 12: Ibikubiye muri raporo irambuye

Article 12: Contents of the integrated report

Article 12 : Contenu du rapport intégré

Raporo irambuye igomba kuba nibura irimo:

The integrated report shall at least contain:

Le rapport intégré doit au moins contenir:

1° ibikorwa umwishingizi yakoze mu gihe cy'umwaka;

1° the annual activities of the insurer;

1° les activités annuelles de l'assureur;

2° incamake y'ingamba, iy'imiyoborere n'iy'imyitwarire by'umwishingizi ;

2° the concise insurer's strategy, governance and performance;

2° la stratégie, la gouvernance et la performance concises de l'assureur;

3° isano iri hagati y'imyitwarire y'umwishingizi n'imibereho y'abantu, ibidukikije ndetse n'ubukungu ;

3° the link between the insurer's financial performance and its wider social, environmental and economic context;

3° le lien entre la performance financière de l'assureur et son contexte social, environnemental et économique plus large;

4° uko umwishingizi yazamuye agaciro mu gihe kigufi, mu gihe kiringaniye ndetse no mu gihe kirekire ;

4° the way how the insurer's create value over the short, medium and long term;

4° la voie par laquelle l'assureur ajoute de la valeur à court, à moyen et à long terme;

5° amakuru ashingiye ku ireme cyangwa ashingiye ku mibare avugwa muri aya Mabwiriza Rusange.

5° Qualitative and quantitative information provided in this Regulation.

5° informations qualitatives et quantitatives prévues dans le présent Règlement.

Ingingo ya 13: Itangwa ry'amakuru agomba gutangazwa

Article 13: Submission of information to be published

Article 13: Soumission des informations à publier

Umwishingizi agomba gushyikiriza Urwego Ngenzuramikorere, amakuru agomba gutangazwa mu gihe cy'iminsi 3 y'akazi mbere y'itariki y'itangazwa.

An insurer shall submit to the Regulator, for notification, information to be published within 3 working days before publication date.

Un assureur doit soumettre au Régulateur, pour notification, les informations à publier dans les 3 jours ouvrables avant la date de publication.

Ingingo ya 14: Ingengabihe y'itangazwa ry'amakuru ya buri gihembwe

Article 14: Periodicity of publication of quarterly information

Article 14: Périodicité de publication des informations trimestrielles

Umwishingizi agomba gutangaza raporo z'imari z'igihembwe hakurikijwe ingengabihe ikurikira:

An insurer shall publish its quarterly financial statements in accordance with the following periodicities:

Un assureur doit publier ses états financiers trimestriels selon la périodicité suivante:

Itariki raporo ibonekeraho	Amatariki ntarengwa y'itangazwa	
	Ikigo cy'ubwishingizi kigenga	Ikigo cy'ubwishingizi cya Leta
31/3/20...	31/5/20...	31/5/20...
30/6/20...	31/8/20...	-
30/9/20...	30/11/20...	30/11/20..
31/12/20...	-	28/12/20..

Availability of the report	Publication deadline	
	Private insurer	Public insurer
31/3/20...	31/5/20...	31/5/20...
30/6/20...	31/8/20...	-
30/9/20...	30/11/20...	30/11/20...
31/12/20...	-	28/12/20...

Date de disponibilité du rapport	Date limite pour la publication	
	Assureur privé	Assureur public
31/3/20...	31/5/20...	31/5/20...
30/6/20...	31/8/20...	-
30/9/20...	30/11/20...	30/11/20...
31/12/20...	-	28/12/20...

Umwishingizi atangaza raporo ye y'imari y'umwaka igenzuwe mu gihe cy'amezi atatu uhereye igihe umwaka warangiriye.

An insurer shall publish its year-end audited financial statements within three months from the year-end.

Un assureur doit publier ses états financiers annuels audités dans les trois mois suivant la fin de l'exercice.

Raporo yaguye y'umwaka igomba gutangazwa mu gihe cy'amazi atanu uhereye igihe umwaka warangiriye kandi igahita igashyikirizwa Urwego Ngenzuramikorere.

The integrated report shall be published within 5 months from the year-end, and it shall be subsequently submitted to the Regulator.

Le rapport intégré doit être publié dans les trois mois suivant la fin de l'exercice et subsequment soumis au régulateur.

Ingingo ya 15: Uburyo bwo gutangaza

Article 15: Means of publication

Article 15: Moyens de publication

Umwishingizi agomba gutangaza raporo y'imari y'igihembwe na raporo yaguye y'umwaka nibura ku rubuga rwa interineti rw'umwishingizi.

The quarterly unaudited financial statements and the integrated report shall be published at least on the insurer's official website.

Les états financiers trimestriels non audités, ainsi que le rapport intégré, sont publiés sur le site Web officiel de l'assureur.

Raporo z'imari z'umwaka zagenzuwe zigomba gutangazwa nibura muri kimwe mu binyamakuru bisomwa na benshi mu Rwanda, hagati yo ku wa Mbere no ku wa Gatanu havanywemo iminsi y'ikiruhuko, ndetse no ku rubuga rwa interineti rw'umwishingizi.

The annual audited financial statements shall be published in at least one newspaper of wide circulation in Rwanda, between Mondays and Fridays excluding public holidays, as well as on the insurer's website.

Les états financiers annuels audités sont publiés au moins dans un journal à large diffusion au Rwanda, entre le lundi et le vendredi, à l'exclusion des jours fériés, ainsi que sur le site Web de l'assureur.

Ingingo ya 16: Ikimenyetso kigaragaza itangazwa

Article 16: Evidence of publication

Article 16: Preuve de publication

Mu gihe cy'iminsi itatu (3) uhereye igihe itangazwa ryakorewe, umwishingizi agomba gushyikiriza Urwego Ngenzuramikorere ikimenyetso kigaragaza itangazwa ryakozwe.

Within three (3) working days as from the date of publication, an insurer shall submit to the Regulator an evidence of accomplished publication.

Dans un délai de trois (3) jours ouvrables à partir de la date de publication, l'assureur doit soumettre au Régulateur une preuve de publication réalisée.

Iyo itangazwa ryakorewe mu binyamakuru, umwishingizi atanga kopi z'impapuro z'ikinyamakuru ziriho ibyatangajwe.

In case of publication in newspapers, the insurer shall submit a copy of pages of the newspaper containing the accomplished publication.

En cas de publication dans les journaux, l'assureur soumet une copie des pages du journal renfermant la publication réalisée.

Ingingo ya 17: Ingaruka zo kutubahiriza ingingo ya 5

Urwego Ngenzuramikorere rushobora gutegeka icyo ari cyo cyose muri ibi bikurikira iyo amakuru yatangajwe mu buryo bunyuranyije n'ibiteganywa mu ngingo ya 5 y'aya Mabwiriza Rusange:

- 1° guhindura cyangwa gukosora amakuru;
- 2° gutangaza amakuru ahinduwe cyangwa akosowe;
- 3° gushyikiriza Urwego Ngenzuramikorere inyandiko z'inyongera, amakuru cyangwa ibisobanuro byerekeye inyandiko cyangwa amakuru.

Impamvu yatumye mbere amakuru atangazwa hirengajwe ibiteganywa n'ingingo ya 5 y'aya mabwiriza rusange igomba gusesengurwa igakorerwa inyandiko ishyikirizwa Urwego Ngenzuramikorere iherekejwe n'amakuru yakosowe nibura iminsi 5 mbere y'itariki yo kongera kuyatangaza.

Ingingo ya 18: Gukomeza kumenyekanisha amakuru n'igihe bimara

Raporo y'imari igenzuwe ndetse na raporo yaguye biguma ku rubuga rwa interineti rw'umwishingizi bireba nibura mu gihe

Article 17: Effect of breach of article 5

The Regulator may order any of the following in case an information has been published in breach of Article 5 of this Regulation:

- 1° amendment or correction of information;
- 2° publication of the amended or corrected information;
- 3° submission to the of any required additional document, information or explanation.

The cause of previously information published without consideration of the provisions of article 5 of this Regulation shall be documented and submitted to the Regulator together with corrected information at least 5 days before the republication date.

Article 18: Duration and continuous accessibility of information

The annual audited financial statements and integrated report shall be available on the relevant insurer's website for a minimum

Article 17: Effets de la violation de l'article 5

Le Régulateur peut exiger l'un des éléments suivants dans le cas où une information a été publiée en violation des dispositions de l'Article 5 du présent Règlement :

- 1° modification ou correction de l'information;
- 2° publication de l'information modifiée ou corrigée;
- 3° la soumission au Régulateur de tout document, information ou explication complémentaires.

La cause de la publication des informations précédemment faite sans tenir compte des dispositions de l'article 5 du présent règlement doit être documentée et transmise au Régulateur avec les informations corrigées au moins cinq (5) jours avant la date de la nouvelle publication.

Article 18: Durée et accessibilité continue de l'information

Les états financier audités et rapport intégré doivent être disponibles sur le site web de l'assureur concerné pendant au moins cinq (5)

cy'imyaka itanu (5) uhereye itariki yatangarijwe. period of at least five (5) years from the date of publication. ans à compter de la date de leur publication.

